ITANGAZO RYO GUSHIMIRA

Mw'izina ry'ababuze ababo, Ubuyobozi mpuzabikorwa by'ikoraniro rya mbere ryo kuzirikana abahitanywe na « coup d'Etat » yo ku wa 5 Nyakanga 1973 mu Rwanda (Première Convention) burabashimira urukundo, urugwiro n'ubwigomwe mwagaragaje ku wa 16 Kanama 2014 ubwo mwazaga i Bruxelles kudufata mu mugongo mu muhango wo guherekeza abacu.

Kuza kwifatanya na twe byaduteye ibyishimo bitagira ingano tudateze kuzibagirwa. Tubashimiye tubikuye ku mutima.

Turabashimira kandi na mwe mwese mwifuzaga kuba hamwe na twe ariko ntibibashobokere kubera impamvu zinyuranye, mwe mwese mwatwoherereje ubutumwa, mwe mwari kumwe na twe ku mutima no mu bitekerezo, na mwe mwese mwaduteye inkunga mu buryo bunyuranye.

Tubiseguyeho kuba tutarabashije kubibagaragariza uko bikwiye uwo muhango ukirangira : hirya hino twari tukiwusigasiye.

Turabasabira ku Mana ngo ikomeze ibahundagazeho umugisha wayo kandi ibarinde tuzakomeze gufatanya gushyira mu bikorwa intego yacu yari iyagatatu mu itangazo rirebana n'uriya munsi : kumenya imibereho ya nyuma y'abacu no kuzabasha kubashyingura uko tubitegekwa n'umuco nyarwanda ndetse n'ukwemera kwacu.

Tuboneyeho kandi no kubifuriza Noheli nziza n'umwaka w'amata n'ubuki wa 2015.

Bruxelles, tariki 19 ukuboza 2014
Première Convention